REPUBULIKA Y’U RWANDA

# RAPORO Y’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

IBICIRO BY’INGANDA MU RWANDA

NYAKANGA 2025

**RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA**
**NYAKANGA 2025**

## INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 13% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 6,8%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 26,5%

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 1,8% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byagabanutseho 0,9%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 6,5%

**Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda**

| | 2024 | | | | | | 2025 | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Nyakanga | Kanama | Nzeri | Ukwakira | Ugushyingo | Ukuboza | Mutarama | Gashyantare | Werurwe | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga |
| **Ihindagurika mu mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | -5,4 | -5,1 | -9,3 | -5,6 | -0,1 | 0,2 | 0,6 | 4,3 | 4,2 | 2,4 | 6,3 | 11,9 | 13,0 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -7,1 | -8,5 | -14,3 | -10,9 | -3,9 | -2,5 | -1,7 | 1,8 | 0,9 | 1,7 | 5,4 | 8,7 | 6,8 |
| Ibyoherezwa hanze | -1,3 | 3,3 | 2,8 | 7,5 | 8,2 | 5,9 | 5,5 | 9,7 | 10,8 | 4,2 | 8,4 | 19,4 | 26,5 |
| **Ihindagurika ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 0,8 | 1,4 | 0,3 | 5,4 | 3,4 | -0,5 | 0,8 | -0,9 | -0,6 | -1,9 | 2,5 | 0,6 | 1,8 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 0,9 | -0,7 | -1,4 | 5,4 | 3,3 | 0,5 | 1,0 | -1,2 | -2,2 | 2,0 | 1,7 | -0,6 | -0,9 |
| Ibyoherezwa hanze | 0,5 | 6,4 | 3,6 | 5,6 | 3,7 | -2,2 | 0,5 | -0,3 | 2,4 | -8,9 | 4,4 | 3,2 | 6,5 |

## 1. INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda itangazwa buri kwezi.

Ikusanyamakuru kuri iyi raporo ryakorewe mu nganda n'ibigo by'ubucuruzi 114 no ku bicuruzwa 402 biri hirya no hino mu gihugu (Kigali no mu ntara). Ni raporo ikorwa ku bufatanye na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR). Yibanda ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikorerwa mu nganda zitunganya ibintu binyuranye, ndetse n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro aribyo amashanyarazi, amazi, isuku n'isukura, ndetse n'itumanaho n'isakazabumenyi.

## 1. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Muri Nyakanga 2025, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 13%, ugereranyije na Nyakanga 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 16,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Nyakanga 2025 na Kamena 2025, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 1,8%. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 2,1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Muri Nyakanga 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 6,8% ugereranyije na Nyakanga 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 8,8% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Nyakanga 2025 na Kamena 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa imbere mu gihugu byagabanutseho 0,9%. Ibi byatewe n'igabanuka rya 1,1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA KU BICURUZWA BYOHEREZWA HANZE

Muri Nyakanga 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze y'igihugu byazamutseho 26,5% ugereranyije na Nyakanga 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi byazamutseho 37,5% n'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa byazamutseho 24,3%.

Ugereranyije Nyakanga 2025 na Kamena 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byazamutseho 6,5%. Ibi byatewe ahanini n'izamuka ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi byazamutseho 7,6% n'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa byazamutseho 6,5%.

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321
E-mail: info@statistics.gov.rw